**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**MINISITERI Y'UBUTABERA**
**P.O. BOX 160 KIGALI**

**IJAMBO RYA MINISITIRI W'UBUTABERA/INTUMWA NKURU YA LETA MU MUHANGO WO GUFUNGURA INAMA RUSANGE Y' ABAKOZI B' UBUSHINJACYAHA BUKURU**

**NOBLEZA, KUWA 06/11/2019**

**Bayobozi muri hano**

**Bashinjacyaha mwese**

**Bakozi b'ubushinjacyaha**

Nishimiye kuba ndi kumwe namwe muri iyi nama rusange y'abakozi b'Ubushinjacyaha bukuru, ahaganirwa muri rusange ibyagezweho mu mwaka ushize wa 2018-2019, imbogamizi twaba twarahuye nazo, no kuganira ku ngamba zo kunoza akazi dushinzwe mu mwaka wa 2019-2020.

Ndashimira abatabiriye inama barimo abayobozi b'inzego zikorana n'ubushinjacyaha, abashinjacyaha n'abandi bakozi bunganira abashinjacyaha.

Ibyiza byagezweho mu mwaka ushize, bifasha kubaka ubutabera, ababigizemo uruhare bose ni abo gushimwa. Uruhare rwa buri wese nirwo rwatumye tugera ku musaruro

ushimishije mu mwaka ushize;  Uyu mwaka dutangiye nawo uzarangwe no kongera umusaruro no gukorana birushijeho.

Ejo mu muhango wo gutangiza umwaka w'ubucamanza, havuzwe byinshi byagezweho n'Ubushinjacyaha kandi bishimishije, imibare yavuzwe niyo kwishimira ibi bigaragaza kandi ko  nta kidashoboka ugereranije n'aho twavuye.

Ubushinjacyaha bufite inshingano yo gukora iperereza,  gukurikirana ibyaha no kugeza mu nkiko ababikoze. Ni umwuga usaba ubumenyi, ubwitange, ubunyangamugayo ndetse n'ubushakashatsi kugira ngo igihugu gikomeze kugendera ku mategeko. Bimwe mu biranga igihugu kigendera ku mategeko, ni  ukugira inzego z'ubutabera zuzuzanya, gutanga ubutabera bukwiye kandi ku gihe, gutanga serivisi, kutihanganira ruswa, no guhanga udushya.

Mu kuzuza izi nshingano, hakunze kugaragara mo ibibazo bitandukanye bijyanye no: gufunga abantu mu buryo bunyuranyije n'itegeko, gushyingura dosiye bitari ngombwa cyangwa kuregera mu rukiko dosiye kandi idafite ibimenyetso bihagije n'ibindi.

Hari ikibazo kivugwa kijyanye n'abafungwa badahabwa access ku ma dosiye yabo iyo baburana cyane cyane ku ifunga n'ifungurwa ry'agateganyo. Umuntu wese ukurikiranyweho icyaha afite uburenganzira kugira dosiye ikubiyemo ibyo aregwa. Nibwo buryo gusa twamusaba kwiregura. Niba icyo kibazo kigihari inzego z'ubutabera zakorane icyo kibazo gikemuke. Niba muri detention hakiri ibyo dusanga uregwa adakwiye kubona, ntitukabishyire muri system, ntitukabyereke n'urukiko.

Ibyaha by'ihohoterwa rishingiye ku gitsina birimo kwiyongera dufatanyije twese dukomeze gushakisha impamvu byiyongera. Arinako hafatwa ingamba zo gukumira icyo cyaha.
Ibyaha by'inzaduka nk' ibyaha bikorwa hifashishijwe ikoranabuhanga, icuruzwa ry'abantu, iby'iterabwoba n'ibya ruswa bikomeje kwiyongera, ibi bigomba gukorerwa ubushakashatsi,  buzafasha  cyane kumenya uko twahangana nabyo.

Abashinjacyaha, ndetse n' abakozi b'Ubushinjacyaha bukuru bagomba kwirinda imyitwarire iyo ariyo yose yatuma abashaka serivisi zitandukanye batabagirira icyizere haba mu kazi ndetse no mu mibereho yabo ya buri munsi, nko kwaka no kwakira ruswa, guhohotera uwo bashakanye, gusinda, gucyererwa akazi, gufunga umuntu bitari ngombwa, gukorera ku jisho, gutanga nabi serivisi, icyenewabo n'izindi ngeso mbi zose zituma atagirirwa icyizere.

Bayobozi muri hano, umwanya nk'uyu ni mwiza kuri twe nk'abashinzwe kuyobora abandi kwibutsa igihango tuba dufitanye n'abo tuyobora.

Abakozi dushinzwe ni abantu nkatwe, bafite uko babayeho, bafite indoto zabo, bafite ibyiringiro, bafite ejo heza bifuza kugeraho. Ibyo byose mu gihe tubayoboye babitubonamo, babidushakamo, babidutegerezaho, bumva ari twe babikesha.

Iyo bujuje inshingano akazi kabasaba, natwe tuba tugomba gukora ibishoboka byose, mu bushobozi n'ubushishozi bwacu nk'abayobozi, tugashyigikira ibyo abo tuyobora bifuza kugeraho, bakabibona, bakabimenya.

Minisiteri y'Ubutabera, ubwayo, cyangwa ifatanije n' Inama Nkuru y'Ubushinjacyaha izakomeza gufasha Ubushinjacyaha Bukuru mu nshingano zabwo, guhabwa ibyabafasha gukomeza inshingano zabwo za buri munsi harimo no gukora ibishoboka byose kugira ngo system ya IECMS ikomeze kunozwa kugira ngo ifashe abayikoresha, baba Abacamanza, Abashinjacyaha, abakurikiranyweho ibyaha cyangwa se ababunganira.

Sinarangiza iri jambo ntongeyе kubashimira kubera akazi keza mwakoze ariko nanabibutsa ko akazi mukora gasaba guhora mutekereza ko mukorera abaturage kandi babatezeho ubutabera bwuzuye kandi ku gihe.

Ijambo ryanjye nkaba ndisoje, ntangaza ko mfunguye iyi nama ku mugaragaro.

Murakoze.